

ITANGAZO RYO KWIRINDA IMPANUKA MU BUCUKUZI

Nyuma yo kubona ko hakomeje kugaragara impanuka zihitana ubuzima bw'abantu mu bucukuzi aho zimwe zigaragara ko zakwirindwa bigakunda; kandi bigaragara ahenshi ko izo mpanuka zikunze guterwa n'abacukura amabuye y'agaciro na kariyeri badashyira ingufu zihagije mu kurengera ubuzima n'umutekano w'abakozi babo n'abatariye mine ndetse n'abakora ubucukuzi batabifitiye uburenganzira bigatuma babikora mu buryo bukurura akaga;

Ikigo gishinzwe Mine, Peteroli na Gazi mu Rwanda (RMB) kiramenyesha abantu bose cyane cyane abafite impushya z'ubucukuzi bw'amabuye y'agacio na Kariyeri kurushaho gukaza umutekano ahacukurwa cyane cyane abacukura mu ndani, binajyanye no kwitwararika muri iki gihe cy'imvura.

RMB iributsa nanone abafite impushya bose ko bagomba gukora ubugenzuzi bwa buri muni mbere yo gutangira imirimo ahacukurwa hose bakabanza kureba niba aho bagiye kohereza abakozi hari umutekano uhagije kandi hagashtirwaho uburinzi buhagije ahatangiwe uruhushya hose. Nta bikorwa bikwiye gukorerwa ahantu iryo suzumwa ritakorewe. Aho bikenewe hagashtakwa n'abakozi bazobereye mu bindi bikorwa bikenerwa nk'amashanyarazi;

Dore bimwe mu byingenzi bigomba kwitabwaho mu rwego rwo kwirinda impanuka:

1. Abakorera mu ndani:

- kugira indani yujuje ibipimo bisabwa kuburyo umuntu ashobora kugendamo yemye, hari umwuka n'urumuri bihagije,
- Kugira igikoresho gipima umwuka (gas detector),
- kugira aho umuntu yasohokera igiye aho binjirira hagize ikibazo.

2. Abakorera ahafunguye:

- Kwirinda gukorera ahantu hari imikingo ihanamye (hanging walls), ikaba yagabanyirizwa ubuhaname mu rwego rutanga umutekano (benches);

- kwirinda nyuma yo gucukura gusiga imikingo ifite ubuhaname idatunganyije;
- kwirinda gusiga imikingo ifite ubuhaname idatunganyije;
- Kubuza abakozi gukorera aho bigaragara ko hateza akaga ubuzima bwabo.

Abantu bose barasabwa kwirinda ubucukuzi butemewe n'amategeko kuko bikomeje kugaragara ko hari abirara mu birombe bakajya gucukura amabuye y'agaciro na kariyeri nta burenganzira babifitiye, ibyo bigateza impanuka zihitana ubuzima bw'abantu.

RMB irongera kwibutsa ko umuntu wese ushakashaka, ucukura, utunganya, ucuruza, amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri nta ruhushya abifitiye ndetse n'ufite uruhushya ntakurikize ibipimo ngenderwaho aba akoze icyaha gihanwa n'amategeko.

Twese hamwe dufatanye mu kwirinda impanuka mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri, kandi naho ibaye hagahita hatangwa amakuru mu buryo bwihuse.

Bikorewe i Kigali, kuwa 19 Nzeri 2023.

Amb. Yamina KARITANYI

Umuyobozi Mukuru

